Cl

- D/C
- Conseillers
- D/G
- Département (tous)

Tous les concernés
Large diffusion

1/3/97

## AMABWIRIZA Y'AGATEGANYO YO GUFATA NEZA STADE AMAHORO

Mu gihe Stade AMAHORO igisanwa ikaba inagicumbikiye Minisiteri, bibaye ngombwa gushyiraho amabwiriza akurikira kugirango itongera kudusambukiraho.

1. Imiryango yose igana ku kibuga uciye mu muryango munini igomba gufungwa kuva aya mabwiriza asohotse. Izajya ifungurwa gusa igihe cy'amarushanwa cyangwa cy'ibirori bihuruz'abantu benshi.

2. Imiryango y'ibirongozi bizengurutse Stade bihuza amashami anyuranye ya Minisiteri igomba gufungwa nyuma y'amasaha y'akazi. Buri département igomba kubyitwararika aho ikorera. Ubuyobozi bushinzwe iby'umutungo utimukanwa (infrastructures) bugomba kubigenzura buri gihe.

3. Kuva ubu abakozi bafite impamvu zibazanye ku biro bya Minisitiri cyangwa by'Umuyobozi Mukuru bagomba kwinjirira mu muryango munini. Abava kur'izo nzego nabo bajya muri za départements niho bagomba gusohokera.

4. Imiryango (munini y'ibirongozi) uretse utarajyaho, igomba gufungwa nyuma y'amasaha y'akazi no ku minsi y'ibiruhuko. Amadirishya nayo n'uko. Buri département aho ikorera igomba kubyitwararika kandi bikagenzurwa n'ababishinzwe.

5. Byakunze kugaragara ko abakozi benshi bakunda guta impapuro hanze biyicariye mu biro. Ibyo bigomba guhagarara. Umwanda uzaboneka nyuma y'ibiro uzajya ukurwaho n'abakorera mur'ibyo biro bose. Abayobozi ku nzego zinyuranye basabwe kubikurikirana no gutuma bishyirwa mu bikorwa.

6. Byakunze kugaragara ko nyuma y'amasaha y'akazi cyangwa ku minsi y'ikiruhuko (Week-ends, congés) abantu bo hanze usanga bacaracara mu kibuga cyangwa kuri Stade. Ingaruka y'urwo rujya n'uruza nta numwe utazizi.

Niyo mpamvu kuva uno munsi nta muntu wemerewe kwizana kuri Stade-Ministère atabifitiye impamvu, cyane cyane mu gihe kitari icy'akazi.

Kugirango ibyo byubahirizwe, ingamba zikurikira zigomba gufatwa kandi zigashyirwa mu bikorwa:

a) Imyitozo ngorora-mubiri (Gym.-Tonic) yakorwaga kuri Stade ibaye isubitswe. Isubukurwa ryayo rizamenyeshwa vuba abakinnyi hamaze no kuvugururwa iyo myitozo n'ibikoresho byayo

b) Club ya Karaté isabwe kuba isubitse imyitozo yayo nayo kugirango havugururwe uburyo buboneye bwo kuyikora neza

c) Imyitozo ya athlétisme igomba kugendera kuri gahunda izwi. N'ukuvuga ko abaza kwitoreza kuri Stade bagomba kuba bazwi n'Ishyirahamwe rya Athlétisme, lisiti yabo igashyikirizwa mu buyobozi bw'imikino bukayemeza mbere yo kuyigeza mu biro bya Minisitiri.

Umuntu ku giti cye, nawe agomba kub'afite uburenganzira ahawe n'Ubuyobozi bw'Imikino kugirango ashobore kwitoreza kuri Stade AMAHORO.

Iminsi n'amasaha agomba kugenwa n'ubwo buyobozi. Ubuyobozi bw'Imikino busabwe gushyira mu bikorwa ibivugwa mur'iyi ngingo. N'ukuvuga ko umuntu wese uzafatwa acaracara kuri Stade yitwaje imyitozo mu masah'ataragenwe, azafatwa nk'umujura.

7. Intebe zagenewe imihango ibera kuri Stade AMAHORO zigomba gufatwa nk'umutungo utimukanwa. N'ukuvuga ko ntakandi kazi ako ariko kose hanze ya Stade zigomba kujyanwamo.

8. Kumanika impapuro zamamaza cyangw'amatangazo ku muryango n'amagirisha, ibihome bya Stade birahagaritswe. Uzabirengaho azabihanirwa by'intangarugero.

Ubuyobozi bushinzwe Imikino busabwe kwerekana uburyo bwo kumanik'amatangazo budakoresheje imiryango ya Stade.

**UMWANZURO**

- Gukunda siporo n'ugukunda no kubahiriza aho ikorerwa hose.
- Ayo mategeko rero agamije kubungabunga umutungo ntimukanwa w'abakunzi ba siporo.

TUYUBAHIRIZE TWESE.

Minisitiri w'Urubyiruko
n'Amashyirahamwe

Dr. Yakobo BIHOZAGARA

REPUBLIQUE RWANDAISE
Ministère de la Jeunesse
et du Mouvement Associatif

à Classer

REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'URUBYIRUKO, UMUCO, SIPORO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE
B.P. 1044 - KIGALI

Kigali, kuwa

N°

- Ku Muyobozi w'Imirimo muri Minisiteri y'Urubyiruko, Umuco, Siporo no Kwigisha Imyuga Iciriritse (Bose)

- K'Umukuru w'Umushinga ukorera muri Minisiteri y'urubyiruko, Umuco, Siporo no Kwigisha Imyuga Iciriritse (Bose)

- K'Umukuru w'Ishyirahamwe rifite Ikicaro muri Sitade MAHORO (Bose)

Bwana Muyobozi,
Bwana Umukuru w'Umushinga,
Bwana Umukuru w'Ishyirahamwe,

Mpereye kw'ibaruwa Umuyobozi wa Siporo yandikiye abayobozi bose, akagenera kopi Nyakubahwa Minisitiri nanjye, nagirango nshimangire ibikubiye muri iyo baruwa ndetse nongereho ibi bikurikira :

1. Ibyanditswe muri iyo baruwa ntibireba abayobozi ba Minisiteri gusa ahubwo bireba n'abayobozi b'imishinga n'amashyirahamwe akorera muri Sitade « Amahoro »
2. Buri mushinga wigenga na buri shyirahamwe bikorera muri Minisiteri bigomba kugira abapalanto bakora ibyo Umuyobozi wa Siporo yasabye mu ngingo ya kane y'ibaruwa ye.
3. Imiryango yose ya Sitade igomba kuba ifunze bitarenze 17h30'. Abagifite akazi nyuma y'ayo masaha bagomba kubimenyesha ushinzwe kureba uko izo ngingo zubahirizwa. Uwo nawe azashyirwaho n'Umuyobozi wa Siporo abimenyeshe abandi.
4. Umuyobozi wa Siporo asabwe gushyira umuntu kw'irembo rya Sitade wandika abinjira kandi akareba ko baba bafite icyo baje gukora.
5. Mu byumweru bitarenze bibiri, buri muntu wese ufite akazi hano muri Sitade agomba kuba afite icyemezo cy'akazi.

Imirimo myiza.

Umunyamabanga Mukuru wa Minisiteri y'Urubyiruko, Umuco, Imikino n'Inyigisho z'Imyuga Iciriritse

KABANDANA Marc

Ministère de la Jeunesse et du Mouvement Associatif

Bimenyeshejwe:
Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko, Umuco, Imikino n'Inyigisho z'Imyuga Iciriritse
KIGALI

REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'URUBYIRUKO,
UMUCO, SIPORO NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRITSE
B.P. 1044 - KIGALI

Kigali, kuwa

N°

Ku Bayobozi b'Amashami (bose)

Byerekeye :
Gufata neza Stade

Dukurikije inama twagiranye n'abayobozi yerekeranye no kwita ku mutungo wa Stade ariwo wa Minisiteri, hagomba kubasaba ko mwashyira mu bikowa ibi twasezeranye :

1. Gusaba abakozi ko bafata neza za biro zabo
2. Gukinga amadirishya n'inzugi zose batashye
3. Gukinga amazi cyane cyane muri « Toilettes »
4. Gusaba abashinzwe isuku banyu (Planto) ibi :
   - Isuku muri toilettes na corridor
   - Gucunga interrupteurs n'amatara
   - Gufunga amadirishya ya corridor
   - Kumena umwanda, impapuro mu cyobo cyabyo
5. Kudakoresha abakozi batema ibyatsi akandi kazi (gukoropa, gupakira imodoka.....)
6. Kugabanya abatembera mu biro byanyu nta mpamvu
7. Abakozi bafite amanama n'abantu bo hanze cyane cyane mu masaha atari ay'akazi bagomba kubimenyesha.
8. Abataye imfunguzo bagomba kubimenyesha mbere y'itariki ya 15 Gicurasi 1997

Buri muyobozi yongewe umuzamu w'umunsi ashinzwe gucunga umutungo wose w'ubwo buyobozi.

Ntakuntu lero hasubira kubura ikintu na kimwe muri Stade abo bantu mubakoresheje neza. Ibibuze byose bizabazwa ubuyobozi buhakorera.

Murakoze.

RWIGEMA Paterne

Umuyobozi wa Siporo

Bimenyeshejwe
- Bwana Minisitiri w'Urubyiruko, Umuco Siporo, no kwigisha imyuga iciriritse
  KIGALI
- Bwana Umunyamabanga Mukuru muri Minisiteri
  KIGALI